# 82: Tuzajyanwa kuri wa munsi

1.
Tuzajyanwa kuri wa munsi
Ubw' impand' izab' ivuze. Tuzateranir' imbere ye, Dushimir' Umwami Yesu.
Hazamanuka ba maraika Bazaza kurimbur' abantu, Abanze kwakir' Umukiza,
Bakamurutish' iby' iyi si.

Ref:
Hazabaho kurira gusa Ndetse no guhekeny' amenyo. Igihe cyo kwizera Yesu
Kizaba gishize rwose.

2.
Abafit' abagore benshi Icyo gihe bazahanwa. Abarozi n'abashikisha Ndetse
n'abapfumu bose,Bazakorwa n'isoni rwose Imbere y'Umukiza Yesu. Bazashak' aho bahungira
Nyamara ntibazahabona.

3.
Abatunz' iby' iyi si gusa Bazashyirwa mu rubanza. Ubutunzi bwabo bw'iyi si
Buzahinduk' umurama. Nta cyo bazababasha kubona Cyabakiz' ibyaha bakoze.
Bazafatwa kur' uwo munsi Batabwe muri wa muriro.

4.
Natwe Bakristo ba Mesia Nta teka tuzacirwaho. Tuzaba tujya nywe mw ijuru,
Tuzasangira na Yesu. Azatwambik' imyenda yera N'ingofero nziza cyane. Inkota
z'abamaraika Zizirukan' abanya byaha.

Visit us at indirimbo.com